UMUNSI MUKURU WO GUTAHA NO GUHA UMUGISHA SHAPELI YA SANTARALI YA KIVUMU MURI PARUWASI YA CRETE CONGO-NIL

Kuri iki cyumweru tariki ya 24/02/2019, Umwepiskopi wa Diyosezi Gatolika ya Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yahaye umugisha Shapeli ya santarali Kivumu, imwe mu ma santarali agize paruwasi Crête Congo-Nil. Nyuma yo gufungura ku mugaragaro iyi ngoro y'Imana, Umwepiskopi yayoboye igitambo cy'Ukaristiya ari na cyo cyabereyemo imihango yo guha umugisha iyi Shapeli. Nyuma hari abafashe ijambo bagira icyo bavuga kuri uyu munsi, habaye kandi ibirori ndetse n'ubusabane.

Igitambo cy'Ukaristiya

Uyu munsi mukuru wabimburiwe n'igitambo cy'ukaristiya, cyayobowe n'Umwepiskopi akikijwe n'abasaseridoti: *Padiri Prosper NTIYAMIRA* Padiri mukuru wa paruwasi ya Murunda akaba ari na Doyen wa Doyenné ya Murunda, *Padiri Modeste MURAGIJIMANA* Padiri mukuru wa paruwasi Crête

Congo-Nil, *Padiri Paul MANIRAGABA* na Padiri *Jean de la Croix NIZEYIMANA* bakorera ubutumwa muri Paruwasi Crête Congo-Nil tutibagiwe *Padiri Jean Marie KWIZERA* Umunyamabanga w'Umwepiskopi. Hari kandi n'abashyitsi banyuranye barimo Madame Emerence AYINKAMIYE Umuyobozi w'akarere ka Rutsiro, abavuka muri Santarali ya Kivumu baba ahandi n'abakristu ba Paruwasi ya Crête Congo-Nil Muri rusange.

Mu nyigisho ye Umwepiskopi yatangiye asuhuza imbaga y'abakristu, abashimira igikorwa bagezeho cyo kwiyubakira ingoro, abibutsa ko ingoro nyayo ari imitima yacu. Yagarutse ku masomo y'i cyumweru agendeye ku nsanganyamatsiko igira iti: Gukunda no kugirira impuhwe abatwanga ni itegeko twahawe na Kristu. Dawudi wahigwaga na Sawuli, Dawudi akamwereka urukundo n'icyubahiro natwe tubyigireho kuba abanyampuhwe tubitewe no kubaha koko bagenzi bacu, kabone niyo badukorera nabi twe tubereke urukundo rwa Yezu Kristu watsinze urupfu.

Nyuma y'isengesho ry'umwanzuro, hari abahawe ijambo nyuma y'uko Padiri mukuru yerekanye abashyitsi.

Ijambo ry'umuyobozi wa Komite nyobozi ya Paruwasi: mw'ijambo rye Bwana Athanase

BIRARO, yibanze ku mateka ya Santarali ya Kivumu. Yabwiye abari bamuteze

amatwi ko Santarali ya Kivumu ari imwe mu ma santarali 7 agize paruwasi Crête Congo-Nil, ikaba yarashinzwe mu mwaka wa 2012 ibyawe n'iyari Santarali ya Congo-Nil; yari igizwe n'lnama 4 arizo: Koko, Murambi, Gihango Kivumu. Amavu n'amavuko y'iyi Santarali:ubwo mu mwaka wa 1964 Padiri wa mbere Théophile MARYOMEZA yoherezwaga i Congo-Nil na Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI aje gutegura ishingwa rya Paruwasi Crête Congo-Nil, mu kwezi k' Ukuboza k'uwo mwaka yaje guhabwa ikibanza n'umuturage hubakwa agashuri k'Abakristu ba Kivumu.

Mu mwaka 1982 Padiri Joseph SEKABARAGA ageze Congo-Nil, nibwo icyari Inama ya Gihango yayigabanyije havuka Inama ya Kivumu yari iyobowe na Guillaume HABYALIMANA. Ubwitange bw'Abakristu bwatumye mu 1991 Padiri Gabriel MAINDRON wari Padiri mukuru wa Paruwasi Crête Congo-Nil abatera inkunga Inama barayubakisha amatafari ahiye ku buryo na Nyiricyubahiro Musenyeri Wensislas KARIBUSHI ubwe yahigereye abashimira icyo gikorwa cy'imena.

Mu 2016 ubwo Paruwasi C-C-Nil yibarukaga Paruwasi GAKERI Yezu Nyirimpuhwe, Padiri mukuru Gilbert NTIRANDEKURA yaje kuvugurura imbibi, icyari Inama ya Kivumu gihinduka Santarali, ubu igizwe n'lnama 3 n'lmiryangoremezo 8. Ibyaranze Kivumu kuva kera na kare ni uko yafatanyije cyane n'Abasaserdoti mu kubaka Paruwasi haba kuri roho ndetse no mu bukungu kandi igahora mu myanya ya mbere. Iyi nyubako ya santarali Kivumu twatashye none uruhare runininini ni imbaraga z'abakristu ni babishimirwe.

Yibukije ko Umwepiskopi yasuye Paruwasi ndetse n'iyi santarali yabashishikarije kuvugurura iyi ngoro none babigezeho iratashywe yimikwamo n'isakaramentu. Yakomeje abwira umwepiskopi ati: kuba mwaje kwifatanya natwe muri iki gikorwa cy'indashyikirwa cyo gutaha iyí Santarali yacu ,tubonye ari byiza kuri twe cyane ko bibaye n'igisubizo kubanyantege nke, dore ko n' Abasaserdoti bacu bakomeje kutwitaho baduha Misa ebyiri buri cyumweru na buri wa kabiri mu gitondo! Tubahaye Amashyi n' Impundu.

Mubyeyi mwiza! Ni ukuri tubijeje ko mu ntego ya Paruwasi yacu yo guharanira Ubutungane n' Ubukungu tutazahwema kubiharanira, cyane ko namwe muduhora hafi ndetse n'abasaserdoti bacu mu kudukenura muri byose, Imigambi yacu ni uko twifuza ko buri mukristu agira umuryango w' Agisiyo Gatorika cyangwa ikoraniro abarizwamo. Gutyo, tukazarushaho kwimakaza ubuvandimwe n'urukundo birangwa n'ibikorwa by'Impuhwe.Tuzakomeza kandi gufatanya n' Abasaserdoti bacu kwitabira ibikorwa byose byubaka Paruwasi yacu tubikora vuba kandi neza ndetse tukaza kw' isonga. Yashoje aragiza buri wese Bikira Mariya Umubyeyi w'abakene.

Ijambo ry'umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro: Umuyobozi w'akarere yishimiye igikorwa abakristu

bagezeho cyo kwiyubakira ingoro, akaba ari nacyo cyatumye duteranira hano. Yibukize gahunda yabaye yo gufuga za kiliziya zitujuje ibyangombwa bikaba byarahaye ingufu abakristu ba Kivumu bakiyubakira ingoro ibereye Nyagasani. Yashishikarije abakristu kurushaho gusenga kuko babonye ingoro ibegereye ariko bikajyana no gukora bakiteza imbere, ntibahugire mu gusenga gusa, nibwo yamaganye amasengesho yo mu byumba mu rwihisho kuko abangamira umutekano. Yibukije abateraniye aho ibyo bagomba kwitaho ngo bagire imibereho myiza ari byo isuku, gushyira hamwe no kugira urukundo. Yasabye by'umwihariko urubyiruko gukunda Imana kuko bizabarinda kwishora mu busambanyi, kwirinda ibiyobyabwenge no kwirinda inda zitateganyijwe. Yasabye n'abana kugira isuku, kumvira ababyeyi, kudata ishuri no kwirinda ababashuka. Yasoje ashimira buri wese wagize uruhare ngo uyu munsi ugende neza, yifuriza kandi umwepiskopi kugira ishya n'ihirwe mu karere ayoboye.

Ijambo ry'Umwepiskopi : Yatangiye ashimira abakristu ba santarali ya Kivumu kubera igikorwa bagezeho cyo kubaka kiliziya. Yakomeje yibutsa abakristu ko igihe aherukira kubasura yabasabye gutunganya Shapeli yabo none babigezeho. Yabashimiye uwo muhigo bahiguye bishimangira kumva ko Kiliziya ari iyabo bagomba kuyubaka ndetse no kubaka igihugu muri rusange kuko akimuhana kaza imvura ihise. Yashimiye abapadiri bakoreye ubutumwa muri Paruwasi Crête Congo-Nil uko bafashije abakristu kwitagatifuza, yashimiye kandi bamwe mu bakristu bitangiye santarali, Bwana *Guillaume na Joseph HUMVIRWUMUKIZA*(Umuyobozi wa Santarali) asaba urubyiruko kubafatiraho urugero. Yashimiye n'Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro k'ubufatanye n'ubumwe bugaragara hagati y'Akarere na Kiliziya bituma abaturage bamererwa neza. Yizeza umuyobozi w'akarere kuzakomeza ubwo bufatanye cyane cyane gufasha abaturage ari nabo bakristu kugira imibereho myiza no kwita ku rubyiruko by'umwihariko. Amwizeza na none gukomeza kunoza za kiliziya zikajyanye n'igihe. Yashoje yongera gushimira buri wese witanze ngo iyi ngoro yubakwe.

Nyuma y'ijambo ry'Umwepiskopi yatanze umugisha usoza igitambo cy'ukaristiya, hakurikiraho ibirori.

Ibirori

Nyuma y'igitambo cy'Ukaristiya hakurikiyeho ibirori. Mw'ijambo ry'ikaze, Padiri mukuru wa Paruwasi Crête Congo-Nil yasabye abakristu kugana iyi ngoro kenshi kandi bakazirikana ko ingoro nyayo ari umutima wacu usukuye. Yasabye kandi abakristu bo mu yandi ma santarali kugira ishyaka ryo kuvugurura kiliziya zabo maze tukazagira ibirori nk'ibi. Yashoje yifuriza buri wese kugubwa neza.

Umwe mu bahagarariye abakristu bavuka muri Santarali ya Kivumu François Xavier NDIZEYE yahawe ijambo, ashimira Imana n'umubyeyi Bikira Mariya babaye hafi iyi santarali kugeza ubu iyo atekereje uko yatangiye imeze ari agashapeli gato none ikaba ibaye kiliziya igaragara. Yanashimiye abakristu ubwitange n'ingufu bakoresheje kugira ngo iyi kiliziya yubakwe. Yashoje yizeza inkunga ye n'abo bazanye, ko bazakomeza kuba hafi santarali yabo.

Ibirori byashojwe n'ijambo rya Doyen wa Doyenné ya Murunda Padiri Prosper NTIYAMIRA, intumwa y'umwepiskopi kuko umwepiskopi yari yagiye mu zindi gahunda. Mw'izina ry'umwepiskopi, yishimiye iyi ngoro abwira abakristu ko bakwiye kugira ibyishimo by'uko babonye aho basengera kandi bakazabikomeza. Yongeyeho ati: kuyisengeramo bizatume ibyavuzwe n'ibyasabwe n'abafashe ijambo tuzabigeraho. Kutitura inabi uwayitugiriye ni ubutwari aho tuzabukura ni ukwegera Yezu muri iyi ngoro. Twigane Kristu rero natwe tugire neza kuko aho yanyuze hose yagiraga

neza, tukagirira neza n'uwatugiriye nabi. Yashoje asaba abakristu bose guharanira kuba abantu bazima no kugira ubuzima dukesha Yezu Kristu. Arongera ati: mwese mukomeze kugira umunsi mwiza.

Nyuma y'ijambo rya Padiri Doyen, hatewe indirimbo ya Magnificat maze atanga umugisha usoza. Abatumiwe basabanye n'abasangwa.

Padiri Jean de la Croix NIZEYIMANA,
ukorera ubutumwa muri Paruwasi Crête Congo-Nil